REPUBULIKA Y’U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY’IHINDAGURIKA RY’IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NYAKANGA 2023

10 Kanama 2023

IKIGO CY’IGIHUGU CY’IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NYAKANGA 2023

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2023. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 11,9% mu kwezi kwa Nyakanga 2023 ugereranyije na Nyakanga 2022. Ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2023 byari byiyongereyeho 13,7%.

Mu kwezi kwa Nyakanga 2023, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 22,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 14,3% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 5,8%.

Iyo ugereranyije Nyakanga 2023 na Nyakanga 2022, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 8,5%.

Iyo ugereranyije Nyakanga 2023 na Kamena 2023, usanga muri rusange ibiciro bitarahindutse.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Nyakanga 2023, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 21% ugereranyije na Nyakanga 2022. Ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2023 byari byiyongereyeho 25,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Nyakanga, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 31,9%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 16,6% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 5,1%.

Iyo ugereranyije Nyakanga 2023 na Kamena 2023, usanga muri rusange ibiciro bitarahindutse.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Nyakanga 2023 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 17,3% ugereranyije na Nyakanga 2022. Mu kwezi kwa Kamena 2023 ibiciro byari byiyongereyeho 20,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Nyakanga 2023, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 29,2%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 15,9% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,3%.

Iyo ugereranyije Nyakanga 2023 na Kamena 2023, usanga muri rusange ibiciro bitarahindutse.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nyakanga 2022 kugeza muri Nyakanga 2023.**

| ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2022 | | | | | | 2023 | | | | | | |
| | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 15,6 | 15,9 | 17,6 | 20,1 | 21,7 | 21,6 | 20,7 | 20,8 | 19,3 | 17,8 | 14,1 | 13,7 | 11,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 22,5 | 23,6 | 28,5 | 39,2 | 42,9 | 39,2 | 38,8 | 37,1 | 39,5 | 35,9 | 28,2 | 25,1 | 21,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 19,6 | 20,4 | 23,9 | 31,0 | 33,8 | 31,7 | 31,1 | 30,3 | 31,0 | 28,4 | 22,4 | 20,4 | 17,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 1,7 | 0,5 | 2,1 | 2,7 | 0,8 | 0,0 | 1,3 | 1,8 | 1,8 | 1,1 | -1,3 | 0,4 | 0,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 3,5 | 1,6 | 3,8 | 7,6 | 1,5 | -2,5 | 2,6 | 3,2 | 4,3 | 2,0 | -3,5 | -1,0 | 0,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 2,7 | 1,1 | 3,1 | 5,6 | 1,3 | -1,5 | 2,1 | 2,7 | 3,4 | 1,7 | -2,7 | -0,4 | 0,0 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw